SPECIAL ARUSHA IV

IMPANDA

# Echo des mille collines

N° 11

BIMENSUEL INDEPENDANT B.P. 2015 Kigali – RWANDA 100 FRW



KABONABAKE Thomas.

## IJAMBO RY'IBANZE

*Tuvuye mu mishyikirano ya ARUSHA 4 kandi tugarutse amara masa, nyamara ARUSHA 4 niyo abanyarwanda, abarutuye ndetse n'abakunda u Rwanda bizeragaho igaruka ry'amahoro. Tugarutse nta na kimwe kigezweho kubera impamvu ebyiri :*

*Iya mbere : Minisitiri Ngurinzira Boniface uriya ushinzwe Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga by'agateganyo, mbere y'uko ahaguruka i Kigali yabonanye n'aba Perezida b'amashyaka : P.L., M.D.R. na P.S.D. bamutegeka kuzashyikirana n'Intumwa za FPR buzuza wa mugambi wabo bateguriye mu Bubiligi ku itariki ya 9/6/1992 ubwo bafataga ibyemezo byo guhirika MRND na Perezida wayo. Ibyo Minisitiri Boniface Ngurinzira akaba rwose yarâbigaragarije abanyarwanda bose ndetse n'amahanga ubwo yihereranaga intumwa za FPR na ambasaderi MPUNGWE uyobora imishyikirano ibera ARUSHA, yabihereranye mu cyumba cye mu ijoro ryo kuwa 21/12/1992 abereka uburyo bwose bworoshye bwo guhirika MRND na Perezida wayo kandi koko babigezeho bukeye (22/12/1992) Ambasaderi MPUNGWE yiyitirira inyandiko yise ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU yemeza ko ku myanya 19 yagombaga guhita isaranganywa muri Guverinoma ya 3 y'Inzibacyuho, amashyaka yose atavuga rumwe na MRND ari muri Guverinoma agomba guhabwa imyanya 15 yose naho ishyaka MRND bakarijugunyira imyanya 4 gusa. Ibyo bintu byahise bitangaza abantu bose cyane cyane abakunzi ba Demokarasi kuko byahise bigaragara ko ntaho bitaniye no kuniga ishyaka MRND na Perezida waryo kuko abaminisitiri 4 ba MRND nta jambo bagira ngo rihite mu ba minisitiri 15 bose barwanya MRND, ni muri urwo rwego rero MRND yahise igaragaza ko bigenze bityo itakwemera kwinjira muri iyo ngirwa Guverinoma.*

*Iyakabiri : Nuko Minisitiri uriya Ngurinzira yirengagije bikomeye ko CDR yavutse uko MDR yavutse, ko CDR ari ishyaka rikomeye mu Rwanda, ko rifite ingufu, muri bwa buryo bwabo bwo ku rwanya MRND bati nta shyaka na rimwe ryishyize hamwe na MRND rigomba kwinjira muri Guverinoma. Ariko gahimano kunvikaniweho n'amashyaka PSD, PL, MDR, PDC, na FPR rero niko kagiye kuvutsa icyo twatangiye twita IMVURURU zivanze n'imyigaragambyo ya buri munsi mu Rwanda noneho FPR igere kuri gahunda yayo ariyo yo gufata ubutegetsi ku ngufu cyangwa mu mayeri, abahutu bicwe igihiriri kabone na Rukokoma, Mugenzi na Gatabazi bazaba barabibafashijemo bazicwa yewe, na bariya bitwa ko bimirijwe imbere, Kanyarengwe Alegesi, Bizimungu Pasiteri, Biseruka n'abandi bahutu bari muri FPR, bityo u Rwada rwongere gutegekwa n'ubwoko bumwe gusa aribwo TUTSI, kimwe n'uko abatutsi batazahura n'ibibazo kuko muri izo mvururu abahutu ubwabo nibo bazaba bamaranye ku buryo uzaba yacitse ku icumu azahita yicwa n'abatutsi ba FPR. Mbega amahirwe ya FPR kandi izaba iyakesheje ubwenge buke bw'abahutu !!! Bahutu mutuye uru Rwanda, muremeye mwiswe abatareba kure ku buryo mudashobora guhura ngo mucoce ibibazo, abahemukiye abandi babasabe imbabazi ariko mukigira hamwe uko mwayobora iki gihugu muyobora kuva mu mwaka w'1959 ubwo mwiyemezaga kwibohoza ingoma ya gihake ? Mwemeye koko gu-*

→

**1993 : UMWAKA USHOBORA KUZARANGWA N'IMVURURU MU RWANDA**

**ARUSHA IV: M.R.N.D. YARIBESHYE BIKABIJE.**

**MINISITIRI NGURINZIRA YARWANIJE C.D.R. na M.R.N.D. KUGIRA NGO FPR IMUSHYIGIKIRE.**

3 / 8 4 6 3 5

- M.R.N.D. mu mwanya wo koherezà abagore 2 ariko Dèputè MUKANGWIJE Asteriya na MUKAKABEGO Godence yashoboraga kohereza abagabo b'intarumikwa kandi muri M.R.N.D. ndizera ko bahari. Twavuga nk'umugabo KARAGEMA Feridinandi na RUZINDANA Augustin bayobora CHR na BUNEP. Ndetse ku bwanjye, mu mwanya wa bariya bagore uko ari 2, MRND yashoboraga kohereza uwitwa KAJUGA Robert, Perezida w'Interahamwe kuko tumuziho ubuhanga mubyo kujya impaka arengera M.R.N.D.

DORE ICYO NANENZE...

- Ntibanyumve nabi kuko batagambaniye Ishyaka ryabo. Gusa icyo niboneye n'amaso yanjye nuko nka Madame MUKAKABEGO Godence azi kujya impaka ariko ageraho akarakara. Iyo urakaye rero uwo mujya impaka ageraho akakuboneraho. Akakubuza epfo na ruguru ugasigara nta ngingo n'imwe wireguza. Ngaho aho Madamu MUKAKABEGO bamufatiraga, akabura ijambo. Dèputè wacu MUKANGWIJE Asiteriya we atanga igitekerezo cye, yarangiza agaseka. Nkaho ari urwenya.

- Nongere mbisubiremo: Ishyaka M.R.N.D. ryari ryibeshye kuko ritamenye ko imishyikirano ya ARUSHA IV ari intambara nk'indi.

- M.R.N.D. yibagiwe wa mugani baca mu kinyarwanda, ko abyina ariko akaba umugore.

- M.R.N.D. yirengagije akamaro k'imishyikirano ya ARUSHA IV. Aho kohereza Abagabo b'intarumikwa, abagabo bazi gukina Politiki bazi kuvuga yiyoherejeyo Abadamu no-neho ihaboneye isomo rikomeye.

— Ese abagabo nkaba NDARIHORANYE Jean Batista (MINISANTE), ba RUNYINYA w'i Butare ntibakiba muri MRND. Ko tubaziho ubuhanga bwo kujya impaka ?

- Twizere ko turiya twanya duke MRND ishoboye kugobotora natwo tubikeshesha ubwitange bwa MUNYEMANA Yusitini izadushinga abagabo b'Intarumikwa (Nta mugore). Bazashobora guhangana na ba Minisitiri bazatangwa nandi mashyaka, bazatangwa na MRND. Dore ko na FPR izaba yinjijemo abayo.

- Perezida wa M.R.N.D. n'abafasha be, bakwiye kuzazirikana ako kantu bakikuramo rya jambo basanganywe ryo kuvuga ngo nitudashyiramo naka na naka nta majwi tuzabona, aha ngaha ko umuminisitiri umwe w'Intarumikwa ashobora gukorera amaperefegitura 2 cyangwa 3 yegeranye aho gushyiraho Minisitiri NDIYO BWANA.

## NGIRE ICYO MBWIRA CDR NA PECO.

- Ayo mashyaka ni amwe yabirishije icyuya Yusitini Munyemana kuko yasobanuraga ko byanze bikunze agomba kujya muri Guverinoma.

- Ayo mashyaka yombi arasabwa kuzatanga ba Minisitiri b'«INTARUMIKWA» cyane cyane ko yarwanijwe bigatinda. Nta kuntu nka C.D.R. itatanga BARAYAGWIZA Yohani Bosiko, cyane cyane ko nka Minisitiri NGURINZIRA B. ndetse na Minisitiri w'Intebe bamutinya. Si abo bonyine bamutinya, kuko n'Intumwa za FPR ubwo twari mu mishyikirano ya ARUSHA IV. Zatubwiye ko mu banyarwanda batinya BARAYAGWIZA Yohani Bosiko, mu rwego rwo kujya Impaka.

- Iryo shyaka rizareba na none niba MURI MASO Martini BUCYANA yaba Minisitiri cyangwa yakwikomereza kuba Perezida w'Ishyaka ahubwo agatanga undi mu Minisitiri w'Intarumikwa kuko ibihe tugiye kujyamo bikomeye.

- Ishyaka PECO naryo rigomba gushishoza, rigatanga umugabo w'intarumikwa w'Inararibonye uzashobora kuvuganira Ishyaka rye.

## M.R.N.D. YIBESHYE KO BAFITE ABASIRIKARI N'ABAMBASADERI.

- Kuva kuri ARUSHA ya mbere kugeza kuri ARUSHA ya gatatu (3) bis, Ambasaderi wacu w'i Kampala, ADISABEBA n'uw'i DARISARAMU bakoze iyo bwabaga, mukujya impaka n'intumwa za FPR barwanye ku busugire bw'u Rwanda. Aho rwose bakoze akazi kabo, ku buryo bakwiye amashyi, ariko kandi imishyikirano ya ARUSHA yatangiye aho intumwa zombi zagombaga kurangiza ikibazo cyo kugabanya imyanya muri Guverinoma barifashe kubera ko bitaboroheye kuvuguruza shebuja Minisitiri NGURINZIRA B. sinzi niba umuntu yabagaya cyangwa yabibashimira.

- Abasirikari 5 bo mu rwego rwo hejuru (Officiel Supèrieur). Nabo bari mu mishyikirano ya ARUSHA ya 4 ariko benshi bari bayigiyemo ari aba techniciens ku buryo kujya impaka zijyana na politique bitashoboraga kuborohera, cyane cyane kuba barabujijwe kwivanga mu bintu bya Politique.

## M.R.N.D. : muri ARUSHA ya 4 YAGENDEYE KURI CYA KIZERE KIRAZA AMASINDE.

### INTUMWA Z'U RWANDA ZIGIYE HAMWE IKIBAZO CYO GUSARANGANYA IMYANYA.

— Kuwa 6 taliki ya 19/12/92 saa 4 n'iminota 46 (10h46') ku isaha ya ARUSHA, intumwa za Guverinoma y'Urwanda ziyobowe na Minisitiri NGULINZIRA zateraniye mu busitani bwa Hotel MOUNT MERU ziga ikibazo cyo gusaranganya imyanya muri Guverinoma, dore ko mbere y'iyo taliki bari bananiranywe bitewe nuko Minisitiri NGULINZIRA afatanije na FPR barwanyaga ko CDR na PECO zajya muri Guverinoma ndetse n'ishyaka MRND baryifurizaga imyanya itarenze 3.

— Akanama k'izo ntumwa z'u Rwanda kahagaritse imirimo yako saa 5 n'iminota 40 kageze kumyanzuro iteye itya :

— Kurebera hamwe ukuntu imyanya yasaranganywa kandi ko FPR itahabwa imyanya irenze 3 muri Guverinoma ya 3 y'inzibacyuho.

— Kurebera hamwe ukuntu imyanya yasaranganywa kandi ko FPR itahabwa imyanya irenze 3 muri Guverinoma ya 3 y'inzibacyuho.

— Kujya impaka kukibazo cyo kwinjiza amashyaka CDR na PECO muri Guverinoma kandi ubwo intumwa za Guverinoma zose uretse Minisitiri NGULINZIRA n'intumwa za P.L., abasigaye bavugaga rumwe.

— Abandi bose bari bashyigikiye igitekerezo cya MUNYEMANA na MUKAKABEGO cyo kwinjiza ayo mashyaka muri Guverinoma uretse ko NGULINZIRA yakomeje kubabera ibamba ari nako yateraga inkunga aba P.L.

— Nyuma ya saa sita noneho intumwa zombi zongeye guhura zigaruka kukibazo cy'isaranganywa ry'imyanya muri Guverinoma, baza kunaniranwa kubera impamvu 2 :

— Iya mbere nuko intumwa za FPR zifuzaga ko mu isaranganywa ry'imyanya, Perezida wa repubulika yakwitwa ko afite umwanya wa mbere muri Minisiteri zagenerwa MRND bityo MRND igahabwa imyanya 3 gusa aho guhabwa imyanya 4.

— Kuba Minisitiri w'Intebe aturuka mu ishyaka MDR nabwo FPR yifuje ko MDR yagenerwa imyanya 3 gusa kuko, we NGULINZIRA yayisabiraga imyanya 4.

— FPR yakomeje gutsimbarara ku kifuzo cyayo cyo guhabwa imyanya 4 muri Guverinema kandi umwe muba Minisitiri batanzwe na FPR akaba ariwe uba Minisitiri w'Intebe wa mbere wungirije. Ikindi FPR yifuje nuko Minisiteri y'Ingabo yahabwa FPR. Batashye batagize icyo bageraho kuko kuri izo ngingo uko ari 3 ntibavugaga rumwe. Aho yabereye Minisitiri NGULINZIRA yavuze ko adashobora kwemera ko FPR yahabwa imyanya 4 yose muri Guverinoma, ati no kubaha imyanya 3 nukubarengeshwa, ati nakiswe NGULINZIRA koko.

— Twakubiswe n'inkuba ku itariki ya 22/12/1992 ubwo Minisitiri NGULINZIRA n'intumwa za FPR na Ambasaderi MPUNGWA bihereye mu cyumba cya NGULINZIRA basohoka bemeranyije ko imyanya igomba gutangwa kuri ubu buryo aribyo kuvuga ko bujuje wa mugani FPR yemeranijweho na MDR, PL, PSD bari mu bubiligi ku itariki ya 9/6/1992 aribyo gukora icyo nakwita guhirika Perezida wa Repubulika n'ishyaka rye MRND. Maze bagiye kuyica Umurya bati na CDR ntigomba kujya muri Guverinoma. Ubwo rero bimeze bitya, twe turabona abayobozi n'abayoboke b'Amashyaka MRND, CDR na PECO bagomba guhaguruka bagahagarara, bagakenyera kuko Minisitiri NGULINZIRA na NSENGIYAREMYE biyemeje gukurura imvururu mu gihugu babyumvikanyeho n'Amashyaka PL, PSD, PDC na FPR.

Thomas KABONABAKE.

# MINISITIRI W'INTEBE ARAKIGURISHIJE.

Tumaze kumenya neza ko ku itariki ya 5/1/1993 saa 10 z'amanywa, Minisitiri w'Intebe NSENGIYAREMYE Disimasi ari hamwe na ba TWAGIRAMUNGU RUKOKOMA, MUGENZI Yusitini, Lando NDASINGWA, GATABAZI Felesiyani na NZAMURAMBAHO Ferederiko baterefonnye NGURINZIRA Boniface bakamutegeka gusinyira F.P.R. impapuro ziyihesha uburenganzira bwo kwegukana u Rwanda. Bagize bati aho kugira ngo Perezida HABYARIMANA Yuvenali akomeze kuyobora u Rwanda, reka Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu tuyihere F.P.R. itegekwe na KANYARENGWE Alegisi ndetse abe ari we uzashyigikirwa ubwo azaba yiyamamarije kuba Perezida wa Repubulika. F.P.R. ariko ikaba itazi ko na TWAGIRAMUNGU ndetse na MUGENZI Yusitini wa P.L. nabo bakotanira kuziyamamariza uwo mwanya, niba abatutsi ba F.P.R. bazaba batarabica.

Banyarwanda, banyarwandakazi mukunda uru Rwanda, nimwiyumvire ibyo byemezo byafashwe n'abagabo nka bariya twitaga abahutu, none bakaba badushubije kuri ya ntambara twarwanye mu mwaka w'1959.

- Kuba Minisitiri w'Intebe yemeye ko Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yegukanwa na F.P.R., aho F.P.R. izishyiriraho inzego zose z'ubutegetsi zikayoborwa n'abatutsi, birumvikana neza ko ak'abahutu kageze. Abanyarwanda bakunda urwababyaye, abasivili n'abasirikare baramagana cyane igitekerezo cyo gufata iki gihugu bakakigabira F.P.R. nk'aho ari ibyiza yaba yarakoreye u Rwanda n'abanyarwanda.

- Mbega imvune abasirikare bacu bahuye nazo barwana ku busugire bw'Igihugu none bikaba bigaragaye ko baraye rwa ntambi ndetse bakahatakariza bagenzi babo batazi ko NSENGIYAREMYE Di-simasi, NGURINZIRA Bonifasi, RUKOKOMA, GATABAZI Felesiyani, NZAMURAMBAHO Ferederiko na Yusitini MUGENZI bagejejweho amakotanyi kera.

- Minisitiri NGURINZIRA we ngo bamutumirije (F.P.R.) imodoka nshyashya ya AUDI, iri hafi kugera i Kigali ndetse na MUGENZI wa P.L., ngo yaba yaraguriwe imwe muri ariya mavatiri ya BENZ asigaye agendamo. Ubwo rero murumva ko bariya bagabo biboneye ayabo muri F.P.R. ari nayo mpamvu biyemeje kubafasha kongera gusubirana ubutegetsi mu Rwanda bagamije inyungu zabo bwite batitaye ku kibazo cy'abaturage bavanwe mu byabo.

Ngibyo ibyo Minisitiri w'Intebe yari yarijeje abanyarwanda n'amahanga ubwo yabeshyaga avuga ko azagarura amahoro mu Rwanda none abanyarwanda, imbaga nyamwinshi y'abahutu (84%) abashyize mu miborogo.

Paul NDUTIYE
GITARAMA

# P.L. : MINISITIRI MBONAMPEKA NAKENYERE AKOMEZE BARAMWIJUNDITSE.

Ikinyamakuru RWANDA RUSHYA kimaze iminsi gisohora inyandiko zisesereza Minisitiri wabo SITANISILASI MBONAMPEKA ndetse hari ubwo kigeze kumwita umusederi (C.D.R.) none icyo Kinyamakuru muri nomero yacyo ya 35 ku rupapuro rwa 6 n'urwa 7 cyatangaje ko amaze gukora amakosa atabarika muri Minisiteri y'Ubutabera, ko akwiye guhita asimburwa na Yusitini MUGENZI. Ni agahomamunwa muri P.L. ubwo ikinyamakuru cy'ishyaka P.L. aricyo RWANDA RUSHYA kiyemeje gusezerera Minisitiri MBONAMPEKA wo



**MBONAMPEKA Stanislas**

*(Komeza ku rup. 12)*

# IBIJYA GUCIKA BICA AMARENGA.



RWABUTOGO François.

Igihugu cyacu baragisenye duseka none bagisize ari igikingote Ubu butegetsi bwa NSENGIYAREMYE burarembera buca amarenga. Burasezeye budusigiye ibisare abana bacu batazibagirwa. Badusigiye imfubyi nyinshi mu miryango y'abanyarwanda. Burasezeye budusigiye amacakubiri mu bana b'u Rwanda. Ingoma y'ikinyoma yicarwaho rimwe ntiyicarwaho kabiri. Ubu butegetsi bwo mu nzira budusize mu cyunamo cy'ubukungu bwifashe nabi. Amezi icyenda ararangiye twizezwa ibitangaza na Yezu atashobora gukora. Batwijeje kurangiza intambara amahoro akagaruka mu Rwanda, none bacyuye igihe. Abavanywe mu byabo n'intambara barara ku gasi, abandi bicwa urwagashinyaguro na bene waho na Musinga.

Aragiye bavuga irije kubera ubuswa bwe bwo muri politiki, yategekanye igihugu ubwoba bimuviramo kuba umuja wa TWAGIRAMUNGU. Mu mezi icyenda, NSENGA yakoze ibibi byinshi. Imyigaragambyo yabaye mu mashuri, mu bakozi, mu bagororwa, mu baturage ndetse igera no mu mpunzi aho zibereye muri Burende. Iyi Guverinoma yaranzwe no gusahura umutungo w'igihugu aho kureba inyungu z'abanyarwanda. Imishyikirano ya ARUSHA yari mu nzira nziza none batangiye kuyizambya bayivangamo amashyaka. Guverinoma ya NSENGA ibaye ruvumwa, yabanje kwibagirwa ko mbere ya byose umuntu ari nk'undi.

- Bazanye urugomo mu gihugu cyose aribyo bise kubohoza,
- Bazanye inzangano ngo uriya ni umukiga cyangwa umunyenduga,
- Bazanye urwikekwe maze icyizere mu bantu kirayoyoka.

Iyi Guverinoma yabeshye abanyarwanda amezi icyenda yose none igiye guhuhuka. Amezi atatu asigaye ntacyo Guverinoma izaba igezeho ku nshingano yiyemeje. Bakunda kuvuga ngo barananijwe nyamara nibo binanije. Ubu se NSENGA azongera abe Minisitiri w'intebe ? Oya, nasubire mu Mutara, abanyarwanda twese yaduteye umwaku. Ingoma y'ikinyoma n'ubutiriganya iri mu marembera. Utazitonda, amezi isigaranye ishobora kunogonoka inogonoye benshi. Ese ntimwiyumviye ibyo bamwe bavugiye i CYANGUGU ? Iyo umuntu asamba umugendera kure.

## NI NDE UDINDIZA IMISHYIKIRANO.

Bantu mukunda u Rwanda, ikidindiza imishyikirano ibera ARUSHA ni ikiguri cy'ubutegetsi bushingiye ku gitugu, inda n'ubugome byaranze iyi Guverinoma y'incakura cyuho Hari aho bavuga ko badashobora kujya muri Guverinoma "C.D.R." irimo. Ese impuzamugambi ntabwo ari abanyarwanda nk'abandi ? Ukwibona, ukwikuza, ukwikubira ni cyo gisebe cyaranze Guverinoma ya NSENGIYAREMYE. Ese hari aho mwabonye Demokarasi ya munyangire ku isi hose ? Nibatuze bakorane na "C.D.R." cyangwa ibategeke ? Twebwe KABONABAKE Thomas (Echo des mille collines) RWABUTOGO François (La Médaille NYIRAMACIBIRI), tumaze iminsi dutekereza abasomyi bacu badaheruka kubona dushohora ibinyamakuru byacu, impamvu rero si iyindi, twari twaragiye gukurikirana imishyikirano ibera ARUSHA. Iyo mishyikirano twayikurikiye n'amaso yacu n'amatwi yacu. Muri iyi nimero twiyemeje gukusanyiriza hamwe ibyo twabonye ARUSHA kugira ngo tumare amatsiko abasomyi bacu dukunda. Basomyi bacu dukunda, kubaka si ugusenya cyane cyane iyo mutahiriza umugozi umwe. Ibyabaye byarabaye, ariko ibibera ARUSHA n i agahomamunwa. Inkotanyi zishaka ko "C.D.R." ijya muri Guverinoma ariko NGURINZIRA na rya shyirahamwe nibo batabishaka. NGURINZIRA ntazabeshye abanyarwanda yitabaza Radio-Rwanda bagize agatobero ngo inkotanyi ntizishaka C.D.R. Inkotanyi ubwazo zemeza ko amahoro ataramba mu Rwanda hariho amashyaka yaryamiwe kandi yaragaragaje ko afite abayoboke. Niba tubeshya NGURINZIRA azatunyomoze ?

NGURINZIRA afite indimi nyinshi ku byerekeye imishyikirano. Mu kanya gato aba ari "F.P.R.", akandi kanya akaba ari "M.D.R." akongera agahindura ngo ntashaka kuzahurira na C.D.R. muri Guverinoma. Ashaka yakwitonda, kuko ibyo yirirwa ari kubeshya ngo arashaka amahoro, abanyarwanda b'ingeri zose bazabimubaza. Ntagire ngo abamushuka bazabimusubiriza.

(Bikurikira urup. 11)

mu ishyaka ryabo bafatanije kurishinga.

— Twandika iyi nyandiko hari umututsi wo muri P.L. utwongoreye ko muri P.L. bamaze gukora gahunda yo kwirukana abahutu bose bari muri P.L. ndetse ngo bariga n'uko bazahirika Yusitini MUGENZI (Perezida wa P.L. by'agateganyo) agasimburwa na cya gicumba NDASINGWA Lando umwe wigeze kubeshya abanyamahanga ko acumbagira kubera inkoni kandi yaravutse ari ikimuga. Tumenye na none ko Minisitiri NDASINGWA Lando amaze kurigisa umutungo wagenewe abavanwe mu byabo, ku buryo yaba amaze guhekenya ibirenze ibya GATABAZI yanyereje ubwo yari ashinzwe aby'impunzi.

— Ishyaka P.L. rikomeje kurwanya Minisitiri MBONAMPEKA ku buryo ritifuza ko yajya muri ya nama nkuru y'Ubucamanza iherutse gutorwa; impamvu ikomeye batanga ngo n'uko we ku giti cye yanditse asezera ku ntebe y'ubuminisitiri, ndetse ngo na Perezida w'Urukiko rusesa imanza ariwe KAVARUGANDA yamwandikiye amubwira ko atazemererwa muri iyo Nama Nkuru. Ubwo rero ni aha MinisitIri MBONAMPEKA; ho guhaguruka agakenyera agakomeza akamenya ko abatutsi bo muri P.L. basubiye ku kabo ko kwironda. Ariko iyo bavuga ngo C.D.R. irанda amoko twe baba baduha urwenya.

**Ibinyamakuru 6 byari bisanzwe biri muri rya shyirahamwe ryitwa "Union des Journalistes au Rwanda" (UJR) byiyemeje kuva muri iryo shyirahamwe kuko byishyiriyeho irindi shyirahamwe kubera impamvu muzamenyeshwa mu nomero yacu y'ubutaha.**

# MU MIKORERE FPR NTAHO ITANIYE NA MDR, PL na PSD.

MRND ivuga ko ubutegetsi bw'inzibacyuho bugomba gusaranganywa hagati y'amatsinda abiri ya politiki agaragara mu gihugu ariyo FDC itsinda ry'amashyaka ngo aharanira ko ibintu bihinduka ariyo MDR, PL, PSD na FPR n'itsinda rya ARD rigizwe n'amashyaka aharanira gushimangira Demokarasi ariyo MRND, CDR, PECO, PADER na PARERWA. Ibyo rero MRND iyo ibivuze hari abibaza impamvu muri iryo tsinda rya FDC rigizwe n'amashyaka ngo aharanira ko ibintu bihinduka MRND yongeramo na FPR.
Bati ese MRND ibona MDR, PL na PSD bihuriye he cyangwa kuki na FPR ? Ibi ariko birumvikana ku muntu wese keretse nyine uwaba yigiza nkana.

None se koko amashyaka MDR, PL na PSD mu migirire yayo ataniye he na FPR ? Ayo mashyaka yahuriye i Buruseri mu Bubiligi na FPR bemeranywa ko bagiye gukorana intambara FPR irwana n'ubutegetsi bw'igitugu bwa MRND igasimbuzwa intambara ya politiki amashyaka MDR, PL na PSD azafatanya na FPR bakarwanya MRND. Bumvikana ko bagiye gushyira hamwe muri byose bagahirika MRND. Ikindi kandi iyo urebye ibyo amashyaka MDR, PL na PSD akora usanga ntaho bitaniye n'ibyo FPR ikora. FPR INKOTANYI yarishe muri Byumba na Ruhengeri, amashyaka MDR, PL na PSD nayo yarishe hirya no hino mu gihugu.
FPR INKOTANYI yasenye amazu, itwika amamodoka, irasahura, ikubita abantu, ifata abagore n'abakobwa ku ngufu, amashyaka MDR, PL na PSD yasenye amazu hirya no hino mu gihugu, yarasahuye, yakubise abantu, abayoboke bayo bafata abagore n'abakobwa ku ngufu. FPR INKOTANYI yagize abantu impunzi ibavana mu byabo, amashyaka



MDR, PL na PSD nayo yamenesheje abantu abagira impunzi mu byabo. Ubwo se amashyaka MDR, PL na PSD ataniye he na FPR ? INKOTANYI ziti turarwanya ubutegetsi bw'igitugu bwa HABYARIMANA na MRND, amashyaka MDR, PL na PSD nayo ati turarwanya ubutegetsi bw'igitugu bwa HABYARIMANA na MRND.

Banyarwanda nimumenye ko amashyaka MDR, PL na PSD ntaho ataniye na FPR. Yose ahuriye kukurwanya Repubulika n'ibyiza byayo. Niyo mpamvu agomba kujya mu itsinda rimwe kuko ibitekerezo byabo ari bimwe kandi akaba adashishikajwe n'icyamunara uru RWANDA.

Ikindi abantu bibaza ngo ni impamvu MRND yaba idashaka ko ariya mashyaka yagira bibiri bya gatatu by'abaminisitiri n'abadepite bo mu Nteko ishinga amategeko. Ibi nyamara nabyo birumvikana. Impamvu si iyindi ni uko bigaragara ko ariya mashyaka agamije gushaka uburyo yazatsinda amatora akoresheje igitugu n'izindi nzira zitajyana na demokarasi.

Ariya mashyaka agize 2/3 by'abagize Guverinoma yashyiraho amategeko yose yishakiye nk'uko ya ngingo yo mu masezerano y'ARUSHA ivuga ko ibyemezo bizajya bifatwa ku bwiganze bwa 2/3. Birumvikana rero ko inama ya mbere ya Guverinoma yaba iyo kwirukana abategetsi bose bo muri Komini na Perefegitura. Igomba kuba ariyo mpamvu FPR yasabye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kugira ngo bazabone uburyo bavanaho ababurugumesitiri, abaperefe n'abandi bategetsi b'inzego zose bishyirireho ababo. Birumvikana ko iyo ngingo ya 2/3 izabafasha gufata ibyemezo byose bishakiye birimo no kuba basesa amashyaka amwe n'amwe bitwaje ko atubahiriza uburenganzira bw'Ikiremwa-muntu cyangwa ko atujuje amategeko. Ndetse bariya bantu bashobora no kugera aho babuza abantu kwiyamamaza bitwaje ngo ko bafite imiziro iyi n'iyi.

Abanyarwanda rero nibabe maso kuko imigambi ya bariya bantu ihatse amayeri menshi n'uburyarya bigamije kuroha igihugu cyacu mu rwobo tutazivanamo.

Kigali, kuwa 5/1/1993.

---

*Son Excellence Monsieur le Premier Ministre*
*KIGALI*

*Monsieur le Premier Ministre,*

*Le Président de la République vient d'apprendre sur les ondes de Radio Rwanda que le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération s'appête à signer un accord portent sur la répartition des portefeuilles entre les différents partie politique et le Front Patriotique Rwandais.*

*Le Chef de l'Etat me charge de vous rappeler les instructions contenues dans la lettre n° 1737/01.10 vous a adressés le 30 décembre 1992 et celui transmisse au Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération dans les lettres n° 1724/01.10 et 01.10/1730 respectivement du 26 et 31 décembre 1992.*

*Le Président de la République me prie d'attirer à nouveau votre attention sur les conséquences de la signature d'un accord, sans que le Chef de l'Etat et le Gouvernement n'aient au préalable pris position en la matière et sans qu'un consensue n'ait encore pu être trouvé pour assurer l'applicabilité de l'accord en question, pour restaurer le paix et assurer une véritable réconcialiation nationale.*

*Veuillez agréer, Monsieur le Premier Ministre, l'assurance de ma très haute considération.*

*RUHIGIRA Enoch,*
*Directeur de Cabinet.*
*Sé*

(Komeza ku rup. 14)

# ITANGAZO RY'AMAKURU

Nyuma y'itangazo amashyaka MDR, PL na PSD yashyize ahagaragara ku itariki ya 4 Mutarama 1993 rirangwa no gutsimbarara ku bitekerezo bidafite ikindi bigamije uretse kwikubira ubutegetsi bafatanyije na FPR INKOTANYI.

Nyuma y'amakuru yahitishijwe kuri Radiyo Rwanda ejo tariki ya 6 Mutarama 1993 atumenyesha ibibera ARUSHA, ishyaka MRND ryiyemeje gushyira ahagaragara itangazo no gukora ikiganiro cy'abanyamakuru kugira ngo rihishurire Abanyarwanda ibi bikurikira :

1. MRND yongeye kubwira Abanyarwanda bose ko itazinjira muri Guverinoma idafitemo ijambo kuko nta mpamvu n'imwe kugeza ubu igaragara kandi yumvikana ituma agatsiko k'amashyaka MDR, PL na PSD ndetse na FPR bifatanyije aheza andi mashyaka mu butegetsi bw'igihugu no mu micungire yacyo.

2. MRND yongeye kwibutsa Abanyarwanda ko ibyemezo bifatirwa ARUSHA bidaturutse ku byifuzo by'Abanyarwanda bose binyujijwe muri Guverinoma kuko kuva Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Bwana NGULINZIRA yajyamu mishyikirano inama ya Guverinoma itigeze yongera kwiga ikibazo cy'imishyikirano ngo imuhe ibitekerezo byayo.

3. Biragaragara ko mu mishyikirano ibera ARUSHA, uyoboye intumwa z'u Rwanda afatanije na FPR batigeze bita ku nyungu z'amashyaka yibumbiye mu Ihuriro rigamije gushimangira Demokarasi, ariyo CDR, PADER, PECO, PARERWA na MRND.

4. MRND irasanga uko amasezerano ya ARUSHA ateye yemerera ububasha bukabije agatsiko k'amashyaka FPR na PL bifatanije ku buryo nta cyemezo na kimwe gishobora gufatwa ayo mashyaka yombi atacyemeye (minorité de blocage) mu nama ya Guverinoma.

5. MRND irasanga mu Nteko ishinga amategeko y'Inzibacyuho amashyaka yibumbiye mu Ihuriro rigamije gushimangira Demokarasi atigeze yitabwaho, agatsiko k'amashyaka MDR, PL, PSD na FPR kikubiye imyanya myinshi y'abadepite kandi nta mpamvu igaragara ishingiye ku matora.

6. MRND irasanga ndetse n'ibitekerezo byatanzwe n'abakuru b'amadini gatorika n'abaprotestanti bitarigeze byitabwaho kuko mu nama yabo bagiranye n'amashyaka ari muri Guverinoma yabereye mu kigo cya Mutagatifu Pawulo bifuje ko ikibazo cya CDR cyakwiganwa ubwitonzi.

7. MRND irasanga n'igitekerezo cyo kugabana Minisiteri bakurikije urwego zirimo bitigeze bikurikizwa kuko uyoboye Intumwa z'u Rwanda yatsimbaraye ku nyungu z'amashyaka yabo gusa. Gutyo ugasanga MDR ifite Minisiteri ebyiri z'umutekano (Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane na Minisiteri y'Itangazamakuru), PSD ifite Minisiteri 3 z'ubukungu naho MRND bayisigiye Minisiteri z'imibereho myiza gusa.

8. Minisitiri w'Intebe yakomeje kwihererana imishyikirano, ntiyabimenyesha Guverinoma. Ikindi, igihe twahuraga n'amashyaka MDR, PL na PSD, dushaka igisubizo cyerekeye kugabana imyanya, Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Bwana NGULINZIRA bikoreraga ibindi. Nta wo rero bigeze bita ku byo kuniva ibitekerezo by'abandi. Ni yo mpamvu dusanga Minisitiri w'Intebe Disimasi NSENGIYAREMYE adafite ubushobozi n'ubushishozi bihagije byo kuyobora Guverinoma.

Kigali, kuwa 07/01/1993

Umunyamabanga wa MRND mu rwego rw'igihugu;

Matayo NGIRUMPATSE.

Sé.

*(Ibikurikira urup. 13)*

*Copie pour information à :*
*— Monsieur le Président du Conseil National de Développement KIGALI*

*— Monsieur le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération ARUSHA.*

*— Madame, Monsieur le Ministre (TOUS) KIGALI*

## ARUSHA : Koloneli RUTAYISIRE

## YAVUGANIYE U RWANDA NEZA



— Mu mishyikirano ya ARUSHA 4 yahuriwe mo n'intumwa za F.P.R. n'iza GUVERINOMA y'u Rwanda ariko mu rwego rwa gisirikare, Koloneri RUTAYISIRE yabanje kugirana ikiganiro na Jenerali OPALEYE uyobora GOMN amubwiza inani na rimwe ariko aho twashimye by'umwihariko n'uko yamusabye kutongera kubeshya avuga ko ku rugamba amakosa akorwa n'abasirikari b'u Rwanda kandi akorwa n'aba F.P.R., yanamubajije n'impamvu atinya kugera aho ingabo za F.P.R. zishinze ibirindiro ahubwo akibanda aho iz'u Rwanda ziba.

— Koloneli RUTAYISIRE yakomeje asobanurira Jenerali OPALEYE ko afite ibimenyetso bihagije ku marorerwa yose akorwa n'abasirikare ba F.P.R. bavanze n'ab'igihugu cya Uganda, byaje kuba ngombwa ko Koloneli RUTAYISIRE asaba Jenerali OPALEYE kuzamwegera kugira ngo amuvungurireho. Mu kurangiza ikiganiro cyabo, Koloneli RUTAYISIRE yasabye Jenerali OPALEYE kiyanamo ingeso mbi yo kubogamira ku mutwe umwe ariwo w'ingabo za F.P.R.

— Koloneri RUTAYISIRE yaje no kugirana ibiganiro n'intumwa za F.P.R. zirimo : inkotanyi zikaze : MAZIMPAKA Patrick na Komanda BISERUKA nazo yazibwije ukuri ntacyo yishisha.

# Cercle Rwandais de Réflexion — Washington.

Cercle Rwandais de Réflexion
P.O. Box 653
Lemont, PA 1685-0653, USA

Washington, le 4 janvier 1993

A l'A.R.D.
KIGALI

Très chers compatriotes,

Nous sommes très alarmés par la tournure que prend la vie politique au Rwanda. Notre inquiétude est d'autant plus grande que l'ARD ne se comporte pas adroitement. Nous déplorons l'attitude de l'ARD en ce qui concerne la constitution du Gouvernement de transition à base élargie et de l'Assemblée nationale de transition et la façon dont les accords d'Arusha se font au mépris du citoyen.

**A. Constitution du Gouvernement de transition.**

Dans un document émanant de son Secrétariat et datant du 21 décembre 1992, le MRND prend la position légitime selon laquelle aucun camp politique ne pourrait accepter une minorité absolue de 1/3. Nous sommes néanmoins surpris que le même document propose une clé de répartition où l'ARD n'obtiendrait que 1/3 des postes ministériels (7 postes sur 21). Nous osons espérer qu'il s'agit d'une erreur. Il faut arrêter de vous saborder systématiquement. On ne négocie pas avec un adversaire en lui donnat tout ce qu'il demande et même plus qu'il ne demande. Sinon, l'adversaire est encouragé à toujours demander davantage.

Nous vous proposons d'exiger le maximum de postes possible de façon à orienter l'issue des négociations vers un nombre de postes minimum sauvegardant l'équilibre des forces au Gouvernement, comme la formule de 45 %, 45 % et 10% que vous aviez proposée. Une proposition de départ serait de réserver 9 postes aux partis MDR, PDC, PL, PSD et au FPR, d'une part et 12 à l'ARD et aux autres partis, d'autre part. L'équilibre après négociation s'établirait par exemple à 9 pour l'ARD et 12 pour les autres. Il faudra en tout cas exiger que les postes suivants reviennent à l'ARD : Vice Premier Ministre, MINAFFET, MININTER, MINADEF, MININFOR, MINIJUST. Au ca où l'ARD n'obtiendrait pas le minimum de postes souhaités, nous encourageons le MRND à se retirer du Gouvernement et à se préparer aux échéances électorales futures.

Les négociations FPR-FPR d'Arusha ont conforté la position du FPR qui s'est arrogé le droit de déterminer les partis pouvant entrer dans le Gouvernement de transition faussement dénommé «à base élargie». Cela revient à ignorer la loi qui a institué les partis politiques au Rwanda. Nous vous prions de combattre cette idée de domination du FPR qui par ailleurs n'a aucune morale à donner au peuple rwandais.

Un autre sujet qui nous préoccupe, c'est la durée de la période de transition. En vue de redonner le plus rapidement possible le pouvoir au peuple, la fin de la période de transition devrait correspondre avec la fin de la législature actuelle. Le Gouvernement de transition aurait donc comme tâche première la préparation et l'organisation des élections.

**B. Constitution du Parlement de transition**

La décision de créer une Assemblée de parlementaires par nomination est un processus anti-démocratique. Il s'agit d'un recul que le FPR impose dans le processus démocratique rwandais. Nous vous exhortons à contrer cette manœuvre perfide du FPR de constituer un pouvoir monolitique de terreur où les pouvoirs exécutif, légiqlatif et judiciaire seraient concentré aux mains du Premier ministre.

Céder le pas à cette anomalie constitue un acte de grande trahison envers le peuple dont le droit minimum est celui d'élire ses représentants au parlement. Il serait tout aussi anormal de continuer à payer des députés démis. Les députés des partis opérant à l'intérieur du pays devraient être élus et ceux du FPR nommés. Les arguments selon lesquels on ne peut organiser les élections pendant la guerre sont nuls et non avenus si l'on admet que l'accord de cessez-le feu est respecté. Par ailleurs au début des années 60, le Rwanda a organisé des élections pendant les attaques des Inyenzi. De plus, il est très facile de recenser les personnes déplacés des préfectures de Byumba et de Ruhengeri, étant donné qu'ils sont regroupés dans des endroits précis.

**C. La Constitution du pouvoir judiciaire**

Il importe que le pouvoir judiciaire soit suffisamment indépendant pendant cette période de mouvance politique. La nomination des magistrats de la Cour Suprême devrait se faire en dehors du jeuu politique de la transition. Le Gouvernement de transition devrait s'entendre sur les profils (compétences, expérience) que doivent avoir les futurs magistrats et éviter de faire une répartition selon les blocs politiques, surtout que la constitution rwandaise reconnaît que les magistrats ne doivent être affiliés à aucun parti politique.

**E. Le citoyen et les accords d'Arusha**

Le peuple rwandais n'a jamais été consulté ni avant ni pendant les négociation d'Arusha. Le Gouvernement actuel qui a négocié avec le FPR n'était pas investi d'une mission du peuple, puisque non élu par lui. Les accords d'Arusha engagent jusqu'à présent le Gouvernement rwandais et non le peuple rwandais. Les citoyens sont donc en droit de sanctionner ces accords soit par la voix de leur représentants (ratification par le parlement), soit par eux-mêmes (référendum) avant qu'ils ne soient exécutoires. Si le CND actuel est contesté par certains partis, la voie de la ratification par une loi est exclue. Le référendum sera donc un passage exigé pour l'approbation des accords d'Arusha. Si l'ARD œuvre pour les intérêts du peuple rwandais, il devrait comprendre que le peuple est souverain. Il devrait donc se concentrer d'ores et déjà à contrer tous les artifices juridiques que le tandem FDC-FPR, pour faire aboutir son dessein de prendre le pouvoir à tout prix, s'évertuera à défendre en vue de soustraire les accords d'Arusha au verdict des citoyens.

Telles sont, chers compatriotes, les quelques idées et suggestions que le Cercle tenait à vous faire parvenir.

Pour le Cercle Rwandais de Réflexion

Augustin Banyaga
(Sé)

Joseph Ntamutungiro
(Sé)

subira aho mwari muri muri 1947 ? Kayibanda Grégoire ntakiri kuri iyi SI nibura ngo tube twamusaba gusaba imbabazi abo yahemukiye bityo nabamuhemukiye bazimusabe.

Ariko se ko Perezida wacu Yuvenali Habyarimana akiriho n'ubwo yemeye gusigarana ubutegetsi bubarirwa ku ntoke agirango uruhando rw'amashyaka menshi rushobore gutera intambwe mu rwego rwa Demokarasi, we yahagurutse agafata ijambo agasaba imbabazi abo ayobora yanahemukiye ndetse akarangiza ababwira ko yihannye imbere y'Imana noneho n'abamuhemukiye c~~ngwa abahemukiye u Rwanda rwal..yaye bagahita basaba imbabazi, bose b..jatangira bundi bushya batahiriza umugozi umwe aho guha icyuho abarwanya bose. Ikibazo aho kiri mu bahutu b'i Rwanda ni uko batinya kwemera amakosa no gusaba imbabazi kandi ariwo muco utagira uko usa.

Sinzi niba ari ngombwa kubibutsa ba KANYARENGWE bafatanije n'IKINANI mu guhirika ubutegetsi bwa KAYIBANDA mu kwezi kwa 7/1973 ariko icyo baje gupfa ntawe ukizi uretse bariya bagabo bombi kuki batareba aho bahurira bakiyunga ko nta munyarw~n~~ wanga gutanga imbabazi ? Aho gukomeza kutwica turara rwantambi, tuvanwa mu byacu ? Sinyobewe ko harimo ikibazo k'INGORABAHIZI kubera ko Perezida Habyarimana afite abantu biyita INKORAMUTIMA ze bamubeshya ko ibintu bigenda neza kandi ibintu bigeze iwa NDABAGA; ari nayo mpamvu aka kaduruvayo gakomeje kugira icyicaro mu Rwanda; ngo byose ni Ok.

Tukiri kuri iki kibazo cy'abantu babeshya KINANI, turagirango tubwire abasoma ikinyamakuru cyacu ko twangiye iperereza rigamije kumenya umubare ndetse n'amazina y'abantu baba baritangiye KINANI cyane cyane mukubwiriza ukuri no kumuha inama za kigabo.

Murwego rw'abavandimwe be, abamuvukaho n'inshuti ze ndetse n'abamukundira ko yakoreye u Rwanda muri iyi myaka yose amaze kubutegetsi twiyemeje kuzabibagezaho mu nimero yacu itaha - Tukiri kuri iki kibazo ñanone, turakora iperereza rigamije kumenya icyo i KINANI cyapfuye n'inkoramutima ze za kera, nkaba Ambasaderi UBARIJORO Bonavantura, Yusitini MUGENZI Perezida wa P.L., yakiye inguzanyo muri Banki kugira ngo ashobore gushinga SORWACI, TWAGIRAMUNGU Faustin yagabiye S.T.I.R. imyaka itagira ingano kandi ariwo yari akiva kwiga, NSENGIYAREMYE Disimasi yakomiye amata mu MUTARA kugeza ubwo agwa ivutu, NZAMURAMBAHO Frederiko basangiye akabisi n'agahiye, GATABAZI Felesiyani yakuye ku ndobo y'amase kandi yarashoboraga ku yari amaze kurya iby'imbabare MUNYARUKIKO Yohani Damaseni na Majoro MANIRAGUHA Yakobo yakijije kandi bakaba badashobora kubihakana, cyane cyane ko bageze aho bavuga rumwe mu nzego z'inganda n'ubucuruzi, abatutsi SHAMUKIGA Karoli, KATABARWA Andereya, RWIGARA Asinapolo na KAJEGUHAKWA Valensi (ERP) yahaye ibyo bashakaga byose ndetse akaba aribo batunganya ibyabaga bireba na n'ibirori mu rugo rw'IKINANI.

— Iby'uko ba Koloneli Aloyizi Nsekalije, ba Nzirorera Yozefu, Alufonsi Higaniro bavanywe muri Guverinoma no muri Komite ya MRND by'IKUBAGAHU ngo ni uko ikinyamakuru ISIBO kibaharabika none kikaba gisigaye cyaribasiye IKINANI na muramu we nabyo ni ibyo kwibazwa.

— Buri munyarwanda wese aremera ko Perezida Habyarimana Yuvenali ashobora kongera gutsinda mu matora y'ubutaha, ndetse na Twagiramungu Faustin uyobora MDR arabyemera, gusa birasaba ibyo twavuze haruguru kuko ibihe bikomeye; kandi MRND na Perezida wayo bibeshyeye aho bemeye kurekura Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, bemera ko NSENGIYAREMYE na NGURINZIRA bazahosha iyi ntambara, bo barishakiraga amafaranga ya Misiyo yo kujya ARUSHA buri gihe kandi by'igihe kirekire ntacyo bageraho.

— Ubu dutegereje imodokari ya AUDI y'igitonore FPR yaguriye Minisitiri wacu Bonifasi Ngurinzira ngo akomeze ku borohereza guhabwa imyanya myinshi muri Guverinoma irimo na MININTER, aho amakomini yose yo mu Rwanda azayoborwa n'abatutsi noneho akabahutu kakazaba kabaye pe !

None rero niba tugomba kubwizanya ukuri, nitwemere ko mu ishyaka PL rimwe risigaye rivuga ko Minisitiri MBONAMPEKA ari CDR (voir MEMORANDUM de Kameya) ari ishyaka TUTSI rinabyerekaña none hakaba hagiye no kuziraho FPR n'ishyaka CDR rikavuga ko riri maso, ayo mashyaka uko ari 2 niyo ashobora kuzamara igihe mu Rwanda ari nayo mpamvu ishyaka rikomeye nka CDR rikwiye guhita rihabwa imyanya itari munsi y'INE kandi rigahabwa MININTER bitabaye ibyo : Agapfa kavuriwe ni impongo cyane cyane ko FPR yivugira ko igamije kwinjira mu Rwanda mu mahoro. Yego ntawe uyobewe ko FPR yishe abanyarwanda batagira ingano, uko ikomeje kuraza abaturage rwantambi nabyo birazwi ariko aho gukomeza gushirira ku icumu twakwemera bakinjira muri Guverinoma, CND, no mu ngabo gusa hakabamo ubushishozi n'ubwenge buzira uburangare no kwirara.

— Impuzamashyaka zirashaka guhirika Habyarimana ibyo bigaragarira no mu byemezo byafatiwe ARUSHA ku itariki ya 6/1/1993 aho MRND izaba idafite ijambo muri Guverinoma no muri CND kubera ubwiganze n'ubwikanyize bwa ziriya mpuzamashyaka na FPR. Ikindi kibabaje ni uko ariyo igiye gufata imyanya yose ikomeye mu Rwanda.

— Ngiyo Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, iperereza, abaporisi, abajandarume na Minisiteri yo gutwara abantu n'ibintu. Mu Rwanda wagirango ubutegetsi bwibereye mu muhanda ku buryo habuze ubwitoragurira. Ndetse ibyo muri iki gihugu wabigereranya n'abavandimwe bagirana inzangano ntibite kubyo gucunga amasambu yabo akifatirwa n'abaturanyi babo badafitanye isano. Biteye isoni kubona abayobozi ba MDR barwanya ubutegetsi bwa Habyarimana kugeza aho bemera ku muhirika ngo iki gihugu gisubire mu maboko y'abatutsi.

— Harya ngo CDR iri maso, tuzaba tureba.

LA REDACTION.


## COMITE DE REDACTION

**Rédaction**

KABONABAKE Thomas: Rédacteur en chef

MUHUTU Abel: Rédacteur en chef-adjoint

**Trésorerie**

RUSHOKE Albert

**Marketing**

NTAMAHEREZO J.M. Vianney
Paulin A.

**Journalistes**

HATEGEKIMANA Mukingo Bernard
LIKUNZE Georges



*Aba bagabo bombi :*
*Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe nibo duhanze amaso kukò tudashaka gusubizwa ku ngoyi ya Cyami twasezereye muri 1959.*



*Perezida Habyarimana Yuvenali akwiye kongera gukorana n'abagabo b'INTARUMIKWA nkaba NZIRORERA.*



*Muvoma Habimana Bonavantura yakira Perezida wa Repubulika mu itahwa ry'imishinga.*





*ARUSHA IV : KOLONELI RUTAYISIRE yaganiriye n'intumwa za FPR mu rwego rwa gisirikare kandi yababwije inani na rimwe.*

*Aha iburyo ari kumwe n'inkotanyi ikomeye Patrick Mazimpaka, naho hariya ibumoso ari kumwe n'inkotanyi Komanda BISERUKA ukom… mu Bugoyi.*



*Umunyamakuru Thomas KABONABAKE uyobora i Kinyamakuru ECHO des 1000 Collines aganira n'inkotanyi Komanda Biseruka.*



*Ambasaderi wacu Kanyarushoki araganira n'inkotanyi Patrick Mazimpaka bari kumwe na Koloneli Rutayisre.*

# ARUSHA 4 : MINISITIRI W'INTEBE YADINDIJE IMISHYIKIRANO

Kuva ku italiki ya 23.11.1992 kugeza kuya 10.12.1992 Intumwa za Guverinoma y'u Rwanda n'iza FPR zari zitarashobora kugirana imishyikirano ya nyayo kubera ko ku itariki ya 25.11.1992 Intumwa za FPR zagaragarije Minisitiri NGURINZIRA B. ko zavumbuye amayeri ye nay'Ishyaka rye, cyane aho Minisitiri Boniface NGULINZIRA yahubutse cyangwa yashutswe akaza mu mishyikirano adafite ubutumwa bwumvikanweho n'amashyaka yose ari muri Guverinoma ya kabiri y'inzibacyuho.

— Kuri iyo taliki ya 25.11.1992, mu nzu ya A.I.C.C. isanzwe iberamo Inama, imbere y'Abanyamahanga (Facilitateurs et Observateurs) Intumwa za FPR zavuze ko zemera neza ko Ishyaka M.R.N.D. ariryo ryambere mu Rwanda, ko ibyemezo byafashwe n'Inama ya Leta aba Minisitiri ba M.R.N.D. bayihejwemo bitagenderwaho ngo batangire imishyikirano. Ibyo byemezo n'ibyafatiwe mu nama ya Leta yo kw'itariki ya 28.11.92 Minisitiri NGURINZIRA B. yohererejwe na Shebuja Minisitiri w'Intebe intumwa za FPR zarabyamaganye.

— FPR yakomeje yumvisha Minisitiri Boniface NGURINZIRA ko atagomba gukomeza kubeshya avuga ko ishyaka CDR ribarirwa mu mashyaka mato kandi rimaze kubona abayoboke nka MDR; Niyo mpamvu FPR; yifuje ko mukugabana imyanya, CDR yanganya na MDR. Intumwa za FPR zaboneyeho kubwira Minisitiri NGURINZIRA B. n'Abanyamahanga ko bimaze kugaragara neza ko Minisitiri NGURINZIRA atavugira Guvérinoma iba yamutumye, ko asigaye avugira ishyaka rye M.D.R., Ishyaka ryazutse kuryitwaga M.D.R. PARMEHUTU ndetse ntibatinye no kumwibutsa ko ariryo ryabamenesheje bakaba bamaze imyaka 30 mubuhungiro.

— FPR yakomeje ibwira NGURINZIRA B. ko agomba kwikuramo icyo yita udushyaka duto, bamubwiye ko bamenye neza ko Ishyaka P.D.C. ritarusha Abayoboke Ishyaka PECO.

— Mbere y'uko intumwa za FPR zisohokera, Inkotanyi ikaze Pasteur



BIZIMUNGU yabwiye Minisitiri NGURINZIRA B. ko Abayoboke ba FPR badateze kuzemera gutahuka mu gihe amashyaka M.R.N.D. na C.D.R. azaba atavuga rumwe n'andi mashyaka ari muri Guverinoma; ati byaba ari uguhungira ubwayi mu kigunda.

— Nyuma yibyo bisobanuro byose bya FPR, Minisitiri wacu NGURINZIRA yaje guta umutwe asigara asa n'ipine itarimo umwuka, kuburyo kuva kw'itariki ya 25/11/1992 kugeza kuri 7/12/1992 yirirwaga atelefona i Kigali ari nako yohereza FAX kwa Shebuja NSENGIYAREMYE Dismas wa Muvuzi w'Ihene n'Imbeba kugira ngo amubwire uko abyifatamo.

— Nibwo, kubutumire bwa Mugenzi we Perezida Mwinyi, Perezida wacu Habyalimana Juvenali (Ikinani cyananiye abagome n'abagambanyi) yanyarukiye muri Tanzaniya, abo bagabo bombi bavuganye iby'imishyikirano ibera ARUSHA mu kiciro cyayo cya 4, byose bamaze kubinoza IKINANI RUTIGERERWA kigeze i Rwanda cyamenyesheje abaturarwanda bose ko gishyigikiye byimazeyo imishyikirano ibera ARUSHA mukiciro cyayo cya 4, anatanga amabwiriza kwisaraganywa ry'imyanya muri Guverinoma ndetse no muri C.N.D.

— Icyaje gukurikiraho ni urugendo Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga wa Tanzaniya Ndugu Diriya, aherekejwe na Ambassadeur MPUNGWE bakoreye mu Rwanda kuya 8/12/1992, ho bashoboye kumvisha Minisitiri w'Intebe kudakomeza kudindiza imishyikirano ibera ARUSHA.

— Abo bagabo bombi bagarutse muri Tanzaniya ariko uwahise atugeraho Arusha ni uriya Ambasaderi MPUNGWE wahageze kuya 10/12/92 nimugoroba agahita atumiza inama uretse ko iyo nama itashoboye kuba kubera ko amashanyarazi yahise abura mu mujyi wa ARUSHA wose kuva saa 12 n'iminota 42 kugeza saa 4 n'iminota 9 za nimugoroba. Aha twabwira abasomyi ko igihugu cya Tanzaniya ari Kinini cyane, ariko bimwe mu bibazo bikomeye icyo gihugu gifite n'icy'inzara n'amazi, kandi kubera kutagira amazi ahagije ni imwe mu mpamvu ituma hahora hari ikibazo cy'amashanyarazi aribyo Abatanzaniya bakunze kwita «HAKUNA UMEME». Si ARUSHA gusa no mu mijyi yose ya Tanzaniya ndetse n'i DARESALAMU ikibazo cy'ibura ry'amashanyarazi buri gihe, nako buri munsi kirahari.

## ARUSHA 4 : SI IMISHYIKIRANO NI BYENDA GUSETSA.

— Kuva ku itariki ya 11/12/1992 kugeza kuya 15/12/1992, ubwo twavugaga ko hasigaye icyumweru 1 rukumbi ngo dutahe, nta mishyiki-

rano ya nyayo yari yakaba kuko haje kuvuka ikibazo gikomeye hagati y'intumwa za Guverinoma y'u Rwanda ubwazo. Aho batashoboye kumvikana ni ku mushinga utegura igabana ry'imyanya muri Guverinoma no muri C.N.D., buri shyaka ryarwaniraga kwikanyiza imyanya kuburyo nka M.R.N.D. bayisigiraga ubusa. Naho FPR yabaga yituramiye itegereje ko ikibazo kiri hagati y'intumwa za Guverinoma y'u Rwanda kibonerwa umuti.

— Ikindi twaje kwita byenda gusetsa n'uko Muganga w'Ihene n'Imbeba NSENGIYAREMYE yaje kumenyesha (Par Fax) Minisitiri Boniface NGURINZIRA ko agiye kohereza abayobozi b'amashyaka ari muri Guverinoma kugira ngo nabo bagirane imishyikirano n'intumwa za FPR kukibazo cyo gusaranganya imyanya mu nzego z'ubutegetsi. Icyo kibazo Minisitiri NGURINZIRA yagikojeje intumwa za FPR zimutera ibyatsi byinshi imbere y'abanyamahanga, ubwo hari kw'itariki ya 11/12/1992 muri Hoteri MOUNT MERU mu cyumba cyitiriwe PARIKI yitwa NGORONGORO.

— Kuri icyo kibazo, FPR yisobanuye neza, cyane cyane aho yasobanuraga ko yemeye kugirana imishyikirano n'intumwa za Guverinoma y'u Rwanda, ko ntaho byanditse ko FPR izashyikirana n'abayobozi b'amashyaka. Ni muri urwo rwego Umuyobozi w'i Kinyamakuru «ECHOS des Milles Collines» KABONABAKE Thomas yegereye Minisitiri NGURINZIRA Boniface akamubaza aho yavanye icyo gitekerezo. Minisitiri NGURINZIRA yaboneyeho kubwira Thomas KABONABAKE ko Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga itayoborwa na Minisitiri NGURINZIRA, ko iyoborwa na M.D.R. Nimwiyumvire namwe icyo gisubizo.

— Minisitiri NGURINZIRA yaboneyeho kutubwira ko nawe adashyigikiye icyifuzo cya Minisitiri w'Intebe. Yagize ati : Niyo abayobozi bayo mashyaka baza, nka Yusitini MUGENZI cyangwa TWAGIRAMUNGU Faustin Alias RUKOKOMA bagafata ijambo imbere ya FPR n'abanyamahanga ntawabahagarika. Yahise atubwira ko agiye kwihanduza icumu akumvisha shebuja NSENGIYAREMYE ko atari byiza kwohereza abayobozi b'amashyaka, ko byarushaho kudindiza imishyikirano.

## AMATSINDA MU MISHYIKIRANO.

Byageze aho biba ngombwa ko Minisitiri Boniface NGURINZIRA atoranya abagomba kwiga ikibazo runaka ariko icyo twashoboye kwibonera nuko buri gihe itsinda ryabaga ryiganjemo inkora mutima ze. Urugero ni nk'uko ku itariki ya 12/12/92 nimugoroba yashyizeho agatsinda kari kagamije kwiga uko isaranganywa ry'imyanya muri Guverinoma no muri C.N.D. ryashyirwa ahagaragara bikoherezwa i Kigali kugira ngo byemezwe. Ako gatsinda kari kayobowe n'Umukombozi witwa Karoli NTAKIRUTINKA uretse ko Madamu Gaudence Mukakabego yahabaye ibamba kubera ko atashoboraga kwemera ukwikubira kwabo.

## * MINISITIRI NGURINZIRA AKUNDA GUHU-NGA ABANYAMAKU-RU BATURUTSE MU RWANDA.

— Ku mugoroba wo kuri iyo taliki ya 12/12/1992 Abanyamakuru 2 bayobora ibinyamakuru byigenga aribo : KABONABAKE Thomas na RWABUTOGO François binginze Minisitiri NGURINZIRA kugira ngo bagire ibibazo bamubaza aranangira (Umugani wa wa mutwa w'i GITARAMA) bigeza aho biyemeje kumucungira ku cyuma (ASANSERI) kimuzamura mu igorofa y'icyumba araramo; yabuze aho ahungira nibwo yemeye kwakira ibibazo 2 gusa kandi yari yateguriwe ibibazo birenze 10.

— Yabajijwe niba koko yiyemeje gukomeza imishyikirano ashingiye kubyemezo byafatiwe mu nama ya Leta yo ku itariki ya 28/11/1992, inama yafashe ibyemezo abaminisitiri ba M.R.N.D. bayihejwemo.

— Yashubije ko ntakundi yabigenza, ati niko Minisitiri w'Intebe yabintegetse.

— Yabajijwe na none impamvu yihererana Umunyamakuru Balthazar NDUWAYEZU wa ORINFOR akamutegeka gutangaza kuri Radiyo Rwanda ibintu by'ibinyoma. Yashubije arakaye, ati uwo bizababaza azabindege.

## TWAGIZE N'ICYO TUBAZA INTUMWA ZA FPR.

Ku cyumweru taliki ya 13/12/1992 mbere yuko dufata urugendo rwo kuzamuka umusozi muremure witwa MERU, twebwe Abanyamakuru Thomas KABONABAKE na François RWABUTOGO twegereye intumwa za FPR arizo :
Pasteur BIZIMUNGU, Patrick MAZIMPAKA, MUSARE na Komanda Andreya RWIGAMBA tubabaza nabo niba bakomeza imishyikirano ishingiye kubyemezo byemejwe n'inama ya Leta yo ku italiki ya 28.11.1992, inama itarimo abaminisitiri 9 bose ba M.R.N.D., bati ashwi da. Bivugiye ko bazi neza ko ishyaka MRND ndetse na CDR ari amashyaka akomeye mu Rwanda, bati FPR yamenye amayeri ya ya MPUZAMASHYAKA : MDR, PL na PSD.

— Twanabajije niba ntacyo banenga ku makuru yerekeranye n'imishyikirano atangazwa na NDUWAYEZU Balthazar, batubwiye ko batangazwa nuko atangaza ibyo yabwiwe na Minisitiri NGURINZIRA wenyine, bo ntiyite kubababaza kandi imishyikirano iri hagati y'abantu 2 aribo FPR na Guverinoma y'u Rwanda.

— Intumwa za FPR zaboneyeho kutubaza niba uriya munyamakuru NDUWAYEZU Balthazar wa ORINFOR atavuka hamwe (umuturanyi) na NGURINZIRA. Twe twababwiye ko tutabizi neza.

— Twababajije na none niba bakirwanya ko Ishyaka C.D.R. ritajya muri Guverinoma ya 3 y'Inzibacyuho. Umugabo witwa Patrick MAZIMPAKA, umwe mubifatizo mu ishinga rya FPR yahise adusubiza ko bamaze kumenya ko ishyaka CDR rimaze kugira abayoboke baruta aba M.D.R. ati niyo mpamvu C.D.R. igomba kujya muri Guverinoma no muri CDN. Kandi ikanganya imyanya na MDR. Yunzemo avuga ko aribwo buryo bwiza bwo gucubya amarere ya CDR.

## MINISITIRI NGURINZIRA YAKIRIYE ABANYAMAHANGA.

* Kuwa mbere taliki ya 14/12/1992 kuva saa 5 za mu gitondo kugeza saa 7, Minisitiri wacu NGURINZIRA yitwikiriye amayeri akoresha inama yarimo Abanyamahanga bakurikiranira hafi iby'imishyikirano ibera ARU-

SHA, ubwo yari akikijwe n'inkoramutima ze zigera kuri 6 na Dèputè Asiteriya MUKANGWIJE nawe yita inkoramutima ye.

— Ku murongo w'ibyo yagombaga kubabwira no kubagishaho inama ni ikintu 1 cyonyine. Ni ikihe ? Ni ijambo ryari ryaraye rivugiwe kuri Radiyo Rwanda, aho RUHIGIRA Enoki ngo yaba yari yatangaje ko ibibera ARUSHA bitakiri imishyikirano, ko ahubwo ari ibiganiro gusa.

— Nubwo twe tutashoboye kumva Radiyo Rwanda ariko ukurikije uko byari bimeze muri ARUSHA ya 4, wasangaga bitakitwa imishyikirano ahubwo byarahindutse urubuga rw'ibiganiro gusa kuko nk'intumwa za FPR akenshi zabaga zibereye muri CHERY BAR zikanda amazi n'inyama kubera ko zitashoboye kumvikana na Minisitiri NGURINZIRA. Mu ntumwa z'u Rwanda nazo, uretse abasirikare babaga bateraniye hamwe bayobowe na Coloneli BAGOSORA, wasangaga benshi bagiye kwitemberera no kwigurira ibintu mu maduka kubera kubura icyo bakora.

— Naho Minisitiri NGURINZIRA we iyo yagiraga amahirwe akabona ikinyamakuru ISIBO ntakindi yakoraga, yarisomeraga. Abanyamahanga bari baje muri iyo mishyikirano wasangaga bamwe biryamiye abandi bagiye gutembera, ndetse bageze naho batubwira ko bamaze kurambirwa iby'iyo mishyikirano.

## HARI INTUMWA Z'U RWANDA ZAKOMEJE KUGARAGAZA KO ZISHYIGIKIYE IYUBAHIRIZWA RY'UBUSUGIRE BW'U RWANDA.

— Muri iyo mibonano, cyane cyane mucyo bise amatsinda hari intumwa zagiye zigaragaza ko zikomeje gutsimbarara kubusugire bw'u Rwanda; Twavuga nka Bwana MUNYEMANA Yustini, Ambasaderi KANYARUSHOKI, Ambasaderi MUGEMA, Coloneli BAGOSORA, Coloneli MUBERUKA, Coloneli RWABARINDA usanzwe azwiho ubuhanga n'ubushishozi cyane cyane ko we amaze kumenyera ibyiriya mishyikirano ibera ARUSHA.

— Abandi bitangira Ubusugire bw'Igihugu ni Madame MUKAKABEGO Gaudence na Dèputè Asteriya MUKANGWIJE uretse ko turi aho ARUSHA hari abo numvise bavuga ko Abagabo bitwa UMURISA Thomas na Ambasaderi NSENGIYUMVA ndetse na Minisitiri NGURINZIRA bamaze kumubohoza bakaba bavuga rumwe ariko twakoze iperereza dusanga atari byo, ahubwo ashyikirana atizigamye. Binababaye byo kandi ntacyo byaba bitwaye kuko Umuntu afite uburenganzira bwo kujya mw'ishyaka ashatse. None se wa mudepitekazi witwa KABAGENI wa hariya ku GITI KINYONI ntiyavuye muri M.R.N.D. akigira mw'ishyaka rya Bene wabo. Ariryo P.L.

## AMBASADERI W'UBUBILIGI MU RWANDA KUMUSHIRA AMAKENGA NTIBYOROSHYE.

– Turi hariya ARUSHA, ku itariki ya 23/11/1992 ku isaha ya saa 10 za nimugoroba twagiye kubona tubona Ambasaderi w'Ababiligi mu Rwanda uvuye mu Modoka ya BENZ yera yari izanye Minisitiri NGURINZIRA baturutse ku Kibuga cy'Indege cya KILIMANJARO. Ubwo kandi kuva imishyikirano yatangira bwari bubaye ubwa mbere Ambasaderi w'Ababiligi mu Rwanda aza mu mishyikirano ya ARUSHA.

– Icyadutangaje nuko ikipe y'Abanyamakuru bagera kuri 5 uko twabaramukije yahise aturamutsa mu mazina yacu, cyane cyane abo yibanzeho ni GAHIGI Gaspard wa cya Kinyamakuru UMURWANASHYAKA na Thomas KABONABAKE uyobora ikinyamakuru "Echo des Mille Collines". Yagize ati ko mbona mwese muri Abanyamakuru PRO-MRND abandi bari he ? Umwe muri bagenzi bacu byaramucitse ati nitwe turi hano ARUSHA gusa, abandi ntibaraza. Iryo jambo, nako icyo gisubizo cyababaje ambasaderi SUWENENE ndetse yurira na MINIBISI ya D.H.L. ataha yo-ngeye kutubaza niba ba KAMEYA na ba Kinyamateka, ba MUSANGAMFURA, ba RAVI n'abandi batarahagera, tuti ashwi. Muri make yatashye ababaye. Ikindi tutasobanukiwe kuri Ambasaderi w'Ababiligi mu Rwanda, nuko, mbere y'uko yurira imodoka ataha yagiranye umubonano n'i-ntumwa za FPR abwira BIZIMUNGU Pasteur na bagenzi be ko abategereje i Kigali mu kwezi kwa mbere 1993 bitaba ibyo bakazongera kubonana muri ARUSHA 16. Nanone, mbere yuko ahaguruka muri ARUSHA, mu ntumwa z'u Rwanda yasezeye ku bayoboke b'amashyaka2 gusa, aba M.D.R. na P.L.

– Ubu rero twiyemeje gukurikira neza tukazababwira icyo Ambasaderi SUENENE w'Ababiligi aricyo muri iki gihe cy'uruhando rw'amashyaka menshi mu Rwanda. Tuzabamenyesha amashyaka abogamiyeho.

– Ubwo tukiri ARUSHA twakomeje gupererereza tumenya niba Enock RUHIGIRA yaravuze ko nta mishyikirano ibera ARUSHA, ko byahindu-tse ikiganiro, gusa. Twashoboye kumenya ko icyo gihuha cyakwijwe n'umwe mu ntumwa za Guverinoma y'u Rwanda, akaba uwo mw'ishyaka ritavuga rumwe na M.R.N.D. Ibyo akaba yarabigiriye gu-shaka kurakaza Abanyamahanga bari mu mishyikirano kandi koko yari agiye kubigeraho uretse ko basobanuriwe ko RUHIGIRA Enock atigeze avugira ibyo bintu kuri Radiyo Rwanda.

– Ikindi twashoboye kumenya n'uko mu makuru yatangajwe na NDUWAYEZU Balthazar ku mugoroba wo ku itariki ya 14/12/92, cyane cyane aho yavuze ko mu ntumwa za Guverinoma harimo abananiza Minisitiri NGURINZIRA, bamwe mubo yashakaga kuvuga ni MUNYEMANA Yustini na Madame Godence MUKAKABEGO bo bemera kugaragaza amayeri n'ibinyoma bya Minisitiri NGURINZIRA. Ndetse mu gitondo cyaho, ni ukuvuga ku itariki ya 15/12/92, Mini-sitiri NGURINZIRA yabyutse abaza intumwa ayoboye niba zashoboye kumva ibyo NDUWAYEZU yatangaje kuri Radiyo Rwanda, ntiyatinye kuvuga ko ariwe wabitegetse NDUWAYEZU. Twasanze ashobora kugera aho amutegeka kuvuga amagambo yakurura imvururu hagati mu gihugu, ndetse n'intumwa z'u Rwanda zikaba zasubiranamo hariya ARUSHA. Kugira ngo ibyo bintu bitazagira ingaruka mbi, birasaba ko Minisitiri NGURINZIRA yakwikuramo icyo kintu cyo kwifatira Umunyamakuru wa ORINFOR amugira igikoresho kugeza ubwo amutegeka gutangaza ibintu by'inshamugongo, by'ibihimbano.

– Intumwa za Guverinoma nazo zigomba kuba INYANGAMUGAYO.

– Niba amashyaka atavuga rumwe na M.R.N.D. (Agatsiko k'amashyaka yishyize hamwe mu kurwanya M.R.N.D.) kagambiriye kugira imyanya ihwanye na 45 kw'ijana 45/100 n'ukuvuga ko

byanze bikunze na M.R.N.D. igomba kubona 45/100 noneho amashyaka yandi asigaye kandi yemewe mu Rwanda atari mubyo twita impuza mashyaka akabona 10%.

- Ikindi cyagaragaye ubwo turi ARUSHA nuko abanyamahanga bari bahari ndetse na FPR bahise bashyigikira icyifuzo cya M.R.N.D. ndetse hari nabatubwiye ko ariyo Demokarasi bakongera ko icyazaba gisigaye ari ifirimbi yanyuma ariyo "Amatora".

- Ndibuka neza ko hari umwe mu bazungu bari muriyo mishyikirano wambwiye ko bitagenze kuriya MRND ibyifuzo ntaho byaba bitaniye no guhirika Perezida wa MRND ari nawe Perezida wa Repubulika. Twibuke ko kwemera guhirikwa ku butegetsi ugifite i mbaraga, unakunzwe n'abaturage, bitabaho na rimwe. Kereka ushaka guhemukira abagushyigikiye ubaca intege, cyangwa se ushaka kugaya Imana, yo iba ikigutije imbaraga zo gukorera abaturage.

- Tubaye nkabasubira inyuma twamenyesha abasomyi ko, kuva ku itariki ya 23/11/1992 Minisitiri NGURINZIRA n'intumwa yari ayoboye kugeza kuya 16/12/1992, FPR yakomeje kumuzonga imusaba kwerekana Mandat (Uburenganzira) imwemerera ko imishyikirano yakomeza, F.P.R. yanangiye rugikubita, aho, we Minisitiri NGURINZIRA yashatse kwibera RUHOHO.

- Minisitiri NGURINZIRA rero, mu buryo bwe asanganwe bwo kwihagararaho no kwirema agatima, ku mugoroba ku itariki ya 15/12/1992 yatubwiye ko agiye gukora iyo bwabaga kugira ngo imishyikirano ya ARUSHA IV. igere ku myanzuro ihamye.

- Yanivugiye ko atashye hadashyizweho Guverinoma ya 3 y'inzibacyuho irimo FPR n'amashyaka yemewe muri Guverinoma gusa yaba aritaye kandi ko yaba yaravunikiye ubusa. Habuze gato yari agiye kutubwira ko yahita yegura uretse ko yifashe.

- Imishyikirano ya nyayo yatangiye ku itariki ya 16/12/1992 nimugoroba, ubwo intumwa zombi zemeranijwe guhurira rimwe mu cyumba kinini cyitwa "MERU RESTAURANT", bakomeje imishyikirano bukeye bwaho kuva saa 3 n'igice za mugitondo kugeza saa sita n'iminota cumi n'itanu. Uretse ko intumwa za Guverinoma zakomeje inama, bungurana (inama) ibitekerezo mu busitani bwa Hoteli MOUNT MERU naho intumwa za FPR zigiriye ku meza.

Ku itariki ya 17/12/1992 intumwa za Guverinoma y'u Rwanda zakomeje kugaragariza Minisitiri NGURINZIRA ko ishyaka C.D.R. rigomba guhabwa imyanya 2 muri Guverinoma ya 3 y'inzibacyuho, zamubwiye ko CDR itagomba guhezwa muri Guverinoma kandi yujuje ibyangombwa byose, cyane cyane nko kuba rifite abayoboke bahagije no kuba rimaze gukora mitingi mu maperefegitura yose y'u Rwanda; ariko kubera ko Minisitiri NGURINZIRA asanzwe yanga Umugabo (Nako si ukumwanga ni Ukumutinya) witwa BARAYAGWIZA Yohani Bosiko, mu gihe FPR yo yari imaze iminsi ivuga ko ishyigikiye ko CDR yajya muri Guverinoma yazamukiye ku mvugo ya NGURINZIRA maze nayo ivuga ko CDR ikwiye guhweza muri Guverinoma. Aha ntawarenganya FPR kuko yabonye uburyo bwo kwaka imyanya 4 muri Guverinoma mu gihe n'imyanya 2 itizeraga kuyihabwa mu gihe na CDR yaba ihawe imyanya 2 muri Guverinoma. Ikibi kuri Minisitiri wacu NGURINZIRA n'uko Abanyarwanda bose ndetse n'Abanyamahanga batazi neza uko NGURINZIRA ateye. Ni wa muntu wangana cyane kandi utava ku izima. Ikindi yitwaje aho ARUSHA nuko aba aziko mu mishyikirano ariwe wenyine wanyuma ufata imyanzuro itavuguruzwa, akanayisinyira, kandi icyo asinyiye kitiririwa Guverinoma y'u Rwanda.

## M.R.N.D. NAYO NTIYEREJE NGURINZIRA.

- Na none kuri iriya tariki ya 17/12/1992 ku kibazo cyo gusaranganya imyanya muri Guverinoma, Minisitiri NGURINZIRA Boniface, yirengagije ko ishyaka M.R.N.D. rikomeye, yirengagije ibyifuzo by'intumwa yari ayoboye, cyane cyane aho zamwerekaga ko M.R.N.D. igomba guhabwa imyanya 4, C.D.R. 2 naho PECO 1, we ati kugira ngo icyifuzo cy'amashyaka M.D.R., P.L., P.S.D., P.D.C., cyo kugusha M.R.N.D. ati M.R.N.D. igomba guhabwa imyanya 4 gusa. C.D.R. na PECO zigahezwa muri Guverinoma kandi MRND ikamburwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Ikindi cyagaragaje ubugome bwe n'ubugambanyi bya Minisitiri wacu NGURINZIRA n'uko yemeye ko za Minisiteri z'amashyaka M.D.R., P.L., P.S.D. na P.D.C. zitatungwa urutoki ndetse we akifuza ko ayo mashyaka yakongererwa izindi Minisiteri ku buryo n'ishyaka P.D.C. yaryifurizaga imyanya 2 yose muri Guverinoma kandi azi neza ko iryo shyaka nta bayoboke namba rifite mu Rwanda.

- Naho ku kibazo cyo guheza ishyaka CDR muri Guverinoma, Patrick MAZIMPAKA yavuze ko kugeza kuri iyo tariki nta na rimwe intumwa za Guverinoma zirabereka aho ziteganya guha imyanya ishyaka C.D.R. ati ariko ntabwo FPR yifuza ko ishyaka rimaze gukomera mu Rwanda nka CDR ryazahezwa muri Guverinoma. Aho ntabwo twashoboye kwemera ko iyo mvugo ya FPR ari ukuri kuko twari tumaze kwibonera ko FPR ifatanije na NGURINZIRA mu kugambanira CDR na M.R.N.D.

- Twagarutse ku kibazo cy'uko Minisitiri Boniface NGURINZIRA agamije guheza ishyaka C.D.R. muri Guverinoma atinya kuzajya ahura na Bwana BARAYAGWIZA Yohani Bosiko mu nama ya Leta, intumwa za FPR nazo zahise zidusubiza ko nazo zitinya cyane umugabo BARAYAGWIZA. Twaboneyeho kwibaza uko bizagenda mu gihe bagaragaza ko barwanya C.D.R. kubera umugabo umwe BARAYAGWIZA.

- Iyo mishyikirano yarangiye saa 12 n'iminota 39 (18h39) ku isaha ya ARUSHA. N'amatsiko menshi, abanyamakuru bo mu Rwanda kandi bikorera ku giti cyabo: RWABUTOGO François, Thomas KABONABAKE na Andereya KAMEYA begereye NDUGU MPUNGWE ari nawe wari umaze kuyobora iyo mishyikirano.

- Ibibazo 4 aribyo ibi:

1° Kuba imishyikirano izagenda neza ku buryo izarangira ku itariki ya 22/12/92 (Ubwo hari hasigaye iminsi 4).

2° Kugira icyo avuga cyerekeranye n'Abayobozi b'amashyaka MDR, PL, PSD na PDC bakotanira kuza ARUSHA kubonana na FPR ku kibazo cyo guhatanira imyanya muri Guverinoma.

3° Ndugu MPUNGWE yanabajijwe icyo atekereza ku mabwiriza yatanzwe na Perezida wa Repubulika avuye i DARESALAM ku kibazo cy'isaranganywa ry'imyanya muri Guverinoma ya 3 y'inzibacyuho no muri CND dutegereje ndetse n'ibaruwa Enock RUHIGIRA yandikiye Minisitiri w'Intebe mw'izina rya Perezida wa Repubulika.

4° Ndugu MPUNGWE yanabajijwe icyo atekereza ku ibaruwa amashyaka M.R.N.D., C.D.R., PECO, P.D.R. na PARIRWA (ARD) yandikiye Perezida wa Tanzaniya ku itariki ya 11/12/92 no ku itangazo ryashyizwe ahagaragara ku ya 11/12/92 n'ariya mashyaka tumaze kuvuga haruguru.

- Ibyo bibazo uko ari 4 byose byabajijwe n'Umunyamakuru KABONABAKE Thomas, asubizwa muri aya magambo :

1° Ku kibazo cy'uko imishyikirano ya ARUSHA ya 4 yarangira ku itariki ya 22/12/92 nkuko byari biteganijwe, yavuze ko bidashoboka kubera ko impande zombi zemeranyijwe gushyikirana bitinze. Naho ku kibazo cy'uruhande rwaba rukomeje kuzana amananiza yaryumyeho.

2° Ku kibazo cy'Abanyamashyaka MDR, PL, PSD na PDC baza ARUSHA gushyikirana na FPR ku ku kibazo cyo kugabana imyanya, NDUGU MPUNGWE yacyamaganiye kure, yagize ati: FPR izakomeza gushyikirana n'intumwa za Guverinoma y'u Rwanda gusa, nyamara Minisitiri NGURINZIRA umunsi wose yari yiriwe asaba intumwa za FPR kwemera gushyikirana n'Abayobozi twavuze haruguru; ibyo akaba yarabiterwaga no gutinya ko Perezida wa MDR RUKOKOMA yahita amusimbuza undi.

3° Ku kibazo cy'amabwiriza n'ibyifuzo bya Perezida wa Repubulika mw'isaranganya ry'imyanya muri Guverinoma na CND dutegereje, NDUGU MPUNGWE yavuze ko aribyo bigomba kubahirizwa, uretse utubazo tumwe na tumwe intumwa zombi zigomba kuzumvikanaho.

4° Ku kibazo cy'ibarwa amashyaka: CDR, PECO, PDR, PARERWA na M.R.N.D. yandikiye Perezida wa TANZANIYA ku itariki ya 11/12/1992 yerekeranye n'imishyikirano ya TANZANIYA (ARUSHA) ya 4 NDUGU MPUNGWE yavuze ko iyo baruwa nta gaciro yagira kuko Perezida MWINYI ntaho ahuriye n'abayobozi b'amashyaka yo mu Rwanda. Yanavuze ko iyo baruwa yashoboraga kugira agaciro iyo aza kuyandikirwa na Mugenzi we Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ari nawe Perezida wa M.R.N.D.

- Ikibazo cya gatanu ari nacyo cyabaye icya nyuma yakibajijwe n'Umunyamakuru witwa RWABUTOGO François, kikaba giteye gitya :

- Intumwa zombi zitangira kwiga umushinga (SENARIO) yo gusaranganya imyanya muri Guverinoma amashyaka CDR na PECO nayo yari yagenewe iyo myanya, ariko kubera ko Minisitiri yanga urunuka umugabo BARAYAGWIZA Yohani Bosiko, niyo mpamvu yatangiye gusaba intumwa za FPR kumufasha kwanga CDR itakwinjira muri Guverinoma ndetse no kuba arwanya byasaze Ishyaka M.R.N.D. Aboneraho kurwanya Ishyaka PECO.

- Mu gusubiza icyo kibazo cy'INGORABAHIZI, NDUGU MPUNGWE yavuze ko aho imishyikirano yari igereye kuri uwo mugoroba wo ku itariki ya 18/12/92 Intumwa zombi zari zitariga ikibazo cy'Amashyaka azajya muri Guverinoma n'atazajyamo, ati ariko ntibishoboka ko ishyaka rikomeye nka CDR ryahezwa muri Guverinoma. N'ubwo umunyamakuru KAMEYA yakomeje kwicecekera, mbere yuko abo banyamakuru uko twari batatu (3) dushimira kandi dusezera kuri NDUGU MPUNGWE, Umunyamakuru Thomas KABONABAKE yasabye NDUGU MPUNGWE kubwira Minisitiri NGURINZIRA Boniface ko kuba akomeza guhunga Abanyamakuru abima amakuru kandi yari yaremeye kuzajya ayabaha igihe cyose bayamusabye, cyane iyo bavuye mu mishyikirano bigayitse. NDUGU MPUNGWE yadusezeranije gutumika kandi atwizeza ko igihe cyose dukeneye amakuru ku mishyikirano tuzajya tumubwira. Icyo kiganiro cyatangiye saa (18h47' à 19h49')

**ARUSHA IV: M.R.N.D. YARIBESHYE BIKABIJE.**

- Ishyaka M.R.N.D. ryari rizi neza ko Imishyikirano yo muri ARUSHA ya 4 yari igamije kujya impaka kw'isaranganya ry'imyanya muri Guverinoma ya gatatu (3) y'inzibacyuho no muri CND, yari izi neza ko amashyaka M.D.R., P.L. na P.S.D. yifatanije na FPR kuva ku itariki 09/06/1992 bahuriye mu Bubiligi ari naho bacuriye umugambi wo guhirika M.R.N.D. na Perezida wayo; ishyaka M.R.N.D. ntiryitegereje neza ngo rireba amashyaka atavuga rumwe na MRND yagiye mu mishyikirano ya ARUSHA ya 4 yarimo umutware wazo Boniface NGURINZIRA utajya uvugira Guverinoma ahubwo uvugira Ishyaka rye M.D.R. n'amashyaka afatanije n'irye.

- Aha ngaha rwose Abayobozi ba M.R.N.D. bemere mbereke amakosa bakoze ubwo batoranyaga abazavugira M.R.N.D. mu mishyikirano ya ARUSHA ya 4 kuko byageze aho bitera agahinda n'isoni.

- Ishyaka M.R.N.D. ryari rizi neza ko ARUSHA ya 4 ari amashyirani-ro, yabonaga ko amashyaka M.D.R., P.L., P.S.D. yohereje intumwa z'intarumikwa zirimo : Minisitiri NGURINZIRA, Ambasaderi NSENGIYUMVA, Umuhanga NTAKIRUTINKA Charles akaba n'umukombozi, UMURISA Thomas, Umuhanga ujya impaka KAYIRANGA Charles wa P.L. ari nawe wahoze aburanira S.T.I.R. mu Rwanda no mu mahanga, J.M.V. BAGEZAYO ari nawe ushinzwe kunekera Minisitiri Boniface NGURINZIRA ibivugwa mu mishyikirano; Umuhanga mu by'amategeko SINDAYIGAYA ari nawe wahiswemo gukorana na Minisitiri w'Intebe, KAGAMBIRWA Welarisi (P.L.) nawe uzwiho kuryoshya ururimi avuganira impunzi kandi abo bose bavuga rumwe n'intumwa za FPR uko zari 4 nazo z'Intyoza.

- Ubwo twari ARUSHA mu cyiciro cya 4 cy'imishyikirano abo bose basasaniraga Umugabo MUNYEMANA Yusitini (MRND) wenyine ari nayo mpamvu tutatinya kuvuga ko MRND yari ikwiye kuzamugororera kuko yahavunikiye wenyine. Dore ko hari ubwo bariya bose, cyane cyane Minisitiri NGURINZIRA, Ambasaderi NSENGIYUMVA, Umukombozi NTAKIRUTINKA n'intumwa zose za FPR cyane cyane Pasteur BIZIMUNGU na Patric MAZIMPAKA bamuhataga ibibazo icyarimwe icyuya kikamurenga; ariko akihagararaho, ndetse n'iriya myanya MRND ishoboye kugobotora iyikesha ubwitange bwa MUNYEMANA Yusitini.